**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX: 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO GUSOZA AMAHUGURWA Y'ABAGENZACYAHA NO KWAKIRA INDAHIRO Z'ABAGENZACYAHA BASHYA, TARIKI YA 17/11/2021**

**National Police College, MUSANZE**

**Bwana Umunyamabanga Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha;**
**Madamu Umunyamabanga Mukuru Wungirije w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha;**
**Bwana Umuyobozi Mukuru wa *National Police College*;**
**Bayobozi bo mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha;**
**Abagenzacyaha mushoje amahugurwa;**

Mwaramutse!

Ndagira ngo nshimire Ubuyobozi bw'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha (RIB) na Polisi y'Igihugu badutumiye muri uyu muhango wo gusoza amasomo y'abagenzacyaha b'umwuga ndetse no kwakira indahiro zanyu mwebwe mugiye gutangira imirimo yanyu.

Kuko aribyo musorejeho murahira, nagira ngo mbe aribyo mperaho mbaha ikaze mu muryango mugari w'Urwego rw'Ubutabera kandi mbabwira ko

muje mukenewe cyane cyane mu Rwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha.

Nk'uko Umunyamabanga Mukuru w' Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha yabivuze, uru rwego rumaze igihe gito rutangiye inshingano zarwo, ariko twe nka Minisiteri y'Ubutabera ndetse dushingiye ku buhamya duhabwa n'abandi bafatanyabikorwa kimwe n'abagenerwabikorwa, tubona ahubwo umuvuduko mutugaragariza, ntawamenya ko uru rwego rumaze igihe gito. Nk'uko twabivuze na mbere, mfashe uyu mwanya kugira ngo nshime ibikorwa bya RIB ndetse n'ubwitange bw'abayobozi n'abakozi bayo, bigaragarira buri wese.

Iki gikorwa cy'uyu munsi, kiri mu bitugaragariza ubushake n'umuhate wo gufatanya kubaka uru rwego hamwe n'izindi nzego mufatanya, cyane cyane Polisi y'Igihugu, kuko ariyo yafashije RIB gutegura no gutanga aya mahugurwa, ndetse ntibagiwe n'abandi bafatanyabikorwa batubwiye.

**Bayobozi muteraniye hano uyu munsi;**

Nagira ngo mbibutse ko muri ibi bihe turimo by'umuvuduko w'iterambere rishingiye ku ikoranabuhanga, hari ibyo tudashobora gusiga inyuma ahubwo tugomba kujyana nabyo;

Urugero: Interineti ni nziza kuko idufasha byinshi, ariko na none mbere y'uko iza hari bimwe mu byaha tutahuraga na byo cyangwa se n'iyo byashoboraga kubaho ntibyasabaga imbaraga n'ubumenyi bwinshi mu kubitahura. Uyu munsi umuntu arafata imashini *(laptop)* ari iwe mu rugo akiba amafaranga ari muri Banki iri ku wundi mugabane akayimurira mu wundi; abantu baracuruza abandi, bagacuruza ibiyobyabwenge bakoresheje Interineti.

Uretse kandi ibi byaha byifashishije ikoranabuhanga, dufite ibindi byaha bihangayikishije igihugu, harimo: ingengabitekerezo ya jenoside, ivangura n'amacakubiri, kunyereza umutungo wa Leta, ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo, gusambanya abana, uburyo bwose bukoreshwa mu biyobyabwenge, n'ibindi byinshi.

Zimwe mu nzira zo guhangana n'ibi byaha, ni ukongerera ubushobozi n'ubumenyi abakozi bo mu nzego z'Ubutabera cyane cyane abagenzacyaha kuko nk'uko tubizi twese, umwana apfa mu iterura. Ibi bivuze ko iyo dosiye ikorewe nabi mu Bugenzacyaha, bigoye ko Ubushinjacyaha bwabasha kuyikosora mu buryo bworoshye.

Ni muri urwo rwego, twe nka Minisiteri y'Ubutabera, twishimira ko habaho amahugurwa nk'aya kuko nk'uko mwabitweretse, biragaragara ko ibyo mwigishijwe ari nabyo bigize amahame y'ingenzi mu iperereza nshinjabyaha. Ndabasaba gushyira mu bikorwa ibyo mwigishijwe mukabigira intwaro yanyu ya mbere, kugira ngo turusheho kunoza ubutabera dutanga.

Ndabashishikariza rero gukoresha ubumenyi mwahawe, mwifashishije ikoranabuhanga, kugira ngo murusheho gutahura ibyo byaha, kubikumira no kubigenza binyuze muri IECMS *(Integrated Electronic Case Management System)*, kuko iri mu byihutisha serivisi cyane cyane iyo gutanga ubutabera, kuko twese tubizi ko ubutabera butinze buba butakiri ubutabera *(justice delayed is justice denied).*

Nsoza, ndagira ngo nibutse mwe bagenzacyaha murangije amahugurwa, kwirinda ibisitaza cyane cyane ruswa n'ibyaba bifitanye isano nayo ndetse mukirinda n'icyenewabo.

Mboneyeho kandi n'umwanya wo gusoza aya mahugurwa ku mugaragaro mbifuriza ishya n'ihirwe mu kazi kanyu kandi mbizeza ko Leta y'U Rwanda izakomeza kuba hafi yanyu ibagenera ibyangombwa, kugira ngo murusheho kunoza umurimo wo gutanga ubutabera bunoze.

Ndabashimiye!